

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITIRI W'INTEBE

**Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard
Ngirente**

**Mu birori byo kwizihiza ku nshuro ya 18 umunsi mukuru wo
gushimira abasora ku rwego rw'Igihugu**

Kigali Convention Center,

Ku wa 20 Ugushyingo 2020

- Ndagira ngo mbanze mbashimire, ariko nabaramutse ku buryo bw'umwihariko kuko uyu munsu ntabwo usanzwe. Mu magambo yose yavuzwe mbere y'uko mvuga hari akantu nafashe mu mutwe, ndetse ndanakandika kugira ngo ntakibagirwa, aho umuyobozi wa PSF yavuze ngo "Tuzi ko ubuyobozi bw'Igihugu cyacu budushyigikiye kugira ngo dukomeze kugeza ubukungu bwacu imbere. Ndagira ngo rero mbere y'uko ntangira ijamba, mbanze nemeze ko iki ari cyo.

- Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu rwose bushyigikiye abikorera kugira ngo dukomeze guteza imbere ubukungu bw'Igihugu cyacu kuko mudahari ubwo bukungu ntabwo bwaba buhari. Rwose ndagira ngo icyo kintu nkemeze, we ni cyo yasorejeho disikuru ye ariko jye ni cyo mpereyeho kugira ngo nkemeze rwose mbere y'uko ngira ibindi mvuga.

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri bitabiriye uyu muhango,**
- **Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda ndetse na bagenzi bawe mwitabiriye ibi birori,**
- **Bayobozi bo mu Nzego zitandukanye z'Igihugu,**
- **Bafatanyabikorwa mu iterambere,**
- **Batumirwa mwese muteraniye hano,**

1. Mbanje kubasuhuza mwese, ariko ngira ngo twongere duhe amashyi abikorera n'ibyo tumaze kwerekwa bagejeje ku Gihugu. Ndagira ngo rero mbashimire ko mwashoboye kwitabira uyu muhango, muri ibi bihe turimo bya COVID-19 ariko tukaba twashoboye kuwutegura neza.
2. Nkaba rero nagira ngo mbabwire ko mu izina rya Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, nishimiye kongera kwifatanya namwe kuri uyu munsi mukuru wo gushimira abasora ku rwego rw'Igihugu. Ni umunsi ukomeye cyane twizihiza buri mwaka kandi nkaba mbizeza ko tutazigera twirengagiza uyu munsi kuko icyo usobanuye kirakomeye.
3. Uyu munsi mukuru ngarukamwaka, ni umwanya mwiza wo kwishimira umusaruro mwiza twagezeho nk'Igihugu uturutse mu misoro n'amahoro yakiriwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/2020.
4. Uyu mwaka turizihiza umunsi mukuru wo gushimira abasora mu gihe gikomeye tugihanganye n'icyorezo cya COVID-19. Nk'uko mubizi, iki cyorezo cyagize ingaruka mbi zikomeye ku bukungu bw'Isi kidasize n'Igihugu cyacu. Ibi rero byatumye bimwe mu bikorwa bihagarara, haba mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, ndetse kugeza ubu bimwe bikaba bitarasubukurwa.

5. Guverinoma yakomeje kugenda igerageza gukurikirana uko icyorezo cyari giteye, uko inama z'inzego z'ubuzima zabitwerekaga, tugenda dufungura imirimo imwe n'imwe, kugira ngo ubukungu bwacu bushobore kubaho.
6. Guverinoma y'u Rwanda irashima cyane mwese Abikorera (private sector) akaba ari namwe musora, kuba mutaracitse intege mu bihe bikomeye byatewe na COVID-19. Abasora mwese mwagize uruhare rukomeye mu gutuma hinjira mu Isanduku ya Leta ariya mafaranga twabwiwe, akomotse ku misoro n'amahoro y'umwaka ushize w'ingengo y'imari wa 2019/2020.
7. Turabashimira kandi uruhare mwagize no mu misoro y'igihembwe cya mbere cy'uyu mwaka turimo, aho twatangarijwe ko twagize umusaruro ushimishije cyane, ugera ku 106.1% by'ayarateganyijwe. Abari hano mwese mumfashe twongere dushimire abasora.

Batumirwa mwese muteraniye hano,

8. Nk'uko byagarutsweho n'abambanjirije, insanganyamatsiko y'uyu mwaka, twihitiyemo dufatanyije iragira iti: **“Dushyigikire Ubucuruzi, Twubake Ubukungu Buhamyeye”**. Iyi nsanganyamatsiko ijyanye rwose na gahunda dufite yo kuzahura ubukungu no guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19.
9. N'ubwo muri uyu mwaka ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 zatumye imisoro n'amahoro twakira igabanyuka, turishimira ko hari intambwe twateye. Bityo rero umusanzu wanyu mu guteza imbere Igihugu ukaba ugenda ukomeza kwiyongera, kandi ntabwo wahwemye kwiyongera mu bwitange mwagiye mugaragaza.

- 10.** Kubera ingaruka za COVID-19, biteganyijwe ko ubukungu bwacu butaziyongera ku kigero cyari giteganyijwe mu 2020. Ariko, mu 2021, biteganyijwe ko (projections) buzazamuka ku gipimo cya 5,7%, ndetse no kuri 6,8% mu 2022. Tukaba twizeye ko ubukungu bwacu buzakomeza kuzamuka ndetse bugasubira ku gipimo bwariho mbere ya COVID-19, aho duteganya ko buziyongera ku kigero cya 8% mu 2023.
- 11.** Mu rwego rwo gukomeza guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 ku bukungu n'imibereho myiza y'abaturage, ingengo y'imari ya 2020/2021 iribanda cyane ku gushyira mu bikorwa ingamba za Leta y'u Rwanda zo kuzahura ubukungu. Ikigamijwe ni ugusubiza ubukungu bwacu ku muvuduko bwariho mbere ya COVID-19 no gukomeza gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere ya 2017-2024 (NST 1).
- 12.** Mu rwego rwo kunganira abikorera bagizweho ingaruka na COVID-19, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kuzahura ubukungu hagamijwe, mbere na mbere, gufasha ibikorwa byazahajwe na COVID-19 (Economic Recovery and Resilience Plan) ikubiyemo zimwe mu ngingo z'ingenzi zikurikira:
- 13.** Aha rero ndababwira ikigamijwe hanyuma ndanababwira muri make ibimaze gukorwa, ariko ikigamijwe cyane cyane muri iyo *Recovery Plan* ni ukureba urwego rw'ubuzima kuko twemera ko abaturage babayeho neza ari bo bakora neza bagateza imbere Igihugu bakazamuka ubukungu. Tuzashyira rero imbaraga mu gukomeza gushyigikira urwego rw'ubuzima.

- 14.** Hanyuma icya kabiri, hari *social protection*, gukomeza gufasha abantu bagizweho ingaruka na COVID-19 bari basanzwe batishoboye cyangwa se abo COVID-19 yatumye batishobora, kugira ngo tubongerere ubushobozi noneho umusanzu wabo mu bukungu bw'Igihugu wongere ukomeze kwigaragaza.
- 15.** Hari kandi Ikigega twise *Recovery Fund*, twashyizeho nka Guverinoma kugira ngo gifashe abikorera baba barazahajwe cyane n'icyorezo cya COVID-19. Ariko ibyo byose mvuze ntabwo bikuraho gahunda isanzwe ya NST 1, aho twari twiyemeje guteza imbere Igihugu muri Gahunda y'imyaka irindwi, izamura ubukungu ndetse ikanahindura imibereho y'abaturage. Iyo nayo irakomeje.
- 16.** Mu byihutirwa rero byahise bikorwa tumaze kubona ingaruka z'iki cyorezo:
- Habayeho gusonera umusoro ku mushahara ku byiciro bimwe na bimwe by'abasora n'umusoro ku nyongeragaciro (VAT) ku bicuruzwa bimwe na bimwe.
 - Habayeho kandi gukurirwaho kwishyura ibihano, amande n'inyungu z'ubukererwe mu kwishyura imisoro.
 - Habayeho gushyiraho Ikigega gifasha ibigo by'ubucuruzi byagizweho ingaruka na COVID-19.
 - Iki kigega kikaba cyaratangiye muri Kamena uyu mwaka (2020), gitangiranye amafaranga angana na miliyari 100 z'amafaranga y'u Rwanda, avuye mu isanduku ya Leta. Guverinoma ikaba izakomeza kucyagura kugira ngo kube kinini kurushaho bityo kigashobora gufasha benshi mu bagikeneye.

Iki kigeza gifasha uwikorera wese wagizweho ingaruka n'icyorezo cya COVID-19, amafaranga yinjizaga akaba yaragabanutse ku kigero cya 30%. Kandi, nta rwego (sector) na rumwe ruzibagirana.

- Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho n'itsinda (Manufacturing Acceleration Committee), mu kureba uko twafasha inganda z'imbere mu Gihugu zakongererwa ubushobozi mu kwihutisha gukora ibyo Igihugu gikeneye (Must-have products).

Tukaba rero twarashyizeho iri tsinda rigenda risura uruganda ku rundi, tubabaza ingorane bafite, tunababaza ubufasha bakeneye n'icyo twafatanyabikorwa bacu kugira ngo uruganda rwabo rwongere gukora neza cyangwa se rushobore gukora ibyo rutakoraga. Iri tsinda rero rigenda risesengura ibibazo bya buri ruganda. Ubu hari aho tutari twagera ariko naho tuzahasura.

- 17.** Ibi byakozwe nyuma y'aho ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 zitweretse ko hari ibyo dufitiye ubushobozi bwo gukorera imbere mu Gihugu ariko twari tugitumiza hanze. Kuko nyuma y'aho icyorezo gitangiriye hari ibintu bimwe twakoreye imbere mu Gihugu tutarabikoraga, harimo nk'izi *mask* twambaye, imiti yo gukaraba intoki n'ibindi.
- 18.** Ibyo rero byatweretse ko hari byinshi twakora ariko tutakoraga twari tugitumiza, tukaba rero turi gushyiraho uburyo buhamye kugira ngo abashobora gukora n'ibindi biri kuri lisiti y'ibyo dukeneye, babikore bafatanyije na Leta.

19. Guhunda yo kuzahura ubukungu yashyizweho, ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ryayo biratanga ikizere ku bukungu bwacu buzongera kuzamuka mu gihe kidatinze. Nk'uko nababwiye bigaragara ko nk'uko imibare ibitwereka mu myaka nk'itatu tuzaba twasubiye ku kigero cy'ubukungu twariho mbere ya COVID-19 niba nta bindi bikomeye bidukomye mu nkokora.

Batumirwa mwese muteraniye hano,

20. Umwaka ushize abasora bagaragarije Leta, zimwe mu mbogamizi zikibabangamiye mu kuzuza neza inshingano zabo zo gusora. Guverinoma y'u Rwanda yakomeje gukurikirana ibyo bibazo kandi bimwe muri byo igenda ibikemura. Ntabwo twabyirengagije kandi ntidushobora kubirengagiza mwebwe nk'abasora kuko muri abafatanyabikorwa b'ingirakamaro.

21. Aha twatanga urugero nko ku bijyanye no gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro (VAT refund), aho miliyari zisaga 36 FRW z'ibirarane by'umusoro ku nyongeragaciro zimaze gusubizwa abasora. Iki ni igikorwa cyo kwishimira.

22. By'umwihariko, muri iki gihe cya COVID-19, ntabwo Leta yahagaritse icyo gikorwa cyo gusubiza ayo mafaranga, ahubwo miliyari zisaga 12 FRW zasubijwe abasora kugira ngo ibikorwa byabo bidahungabana mu gihe cya COVID-19.

23. Mboneyeho rero kwizeza abasora, ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza gukurikirana ibibazo muyigezaho kugira ngo dufatanyije twese tubishakire ibisubizo.

Batumirwa mwese,

- 24.** Guverinoma y'u Rwanda irashimira abamaze guhabwa ibihembo mu kanya, ababiherewe mu Ntara zose z'Igihugu, ndetse n'abandi batahembwe ariko tuzi neza ko basora uko biteganyijwe kandi uko bikwiye. Mwarakoze cyane kandi mukomereze aho.
- 25.** Turabasaba gukomeza gufatanya na Leta y'u Rwanda mu gushimangira ingamba zigamije kuzahura ubukungu no guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19.
- 26.** Mbere yo kurangiza iri jambo, ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu gutegura uyu munsi mukuru wo gushimira abasora. Nongeye kubifuriza umunsi mwiza. Mukomeze kugira ibirori byiza kandi twese turusheho kubahiriza ingamba zo kwirinda no kurinda abandi icyorezo cya COVID-19 kuko kiracyahari ntaho kirajya.

Murakoze, ndabashimiye cyane!